



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2017

10 Kanama 2017

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2017**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 3,5% mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2017 ugereranyije na Nyakanga 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 4,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 3,5% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 1,8%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2017 na Nyakanga 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,6%.

Wagereranya ukwezi kwa Karindwi (Nyakanga 2017) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,5%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 10,5% ugereranyije na Nyakanga 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 11,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 10,5% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 12,7% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 51,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) ibiciro byiyongereyeho 0,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 2,3%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 8,1% ugereranyije na Nyakanga 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) byiyongereyeho 9,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 8,1% mu kwezi kwa karindwi 2017 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 11,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 23,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) ibiciro ntibyahindutse.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2016 kugeza muri Nyakanga 2017.**

	Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2016 kugeza muri Nyakanga 2017												
	2016						2017						
	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	6,9	6,4	5,8	7,4	6,4	7,3	7,4	8,1	7,7	7,3	6,5	4,8	3,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	8,3	8,1	8,3	10,0	10,6	13,0	14,5	16,2	15,7	15,9	14,5	11,8	10,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	7,8	7,5	7,4	9,1	9,1	11,0	12,0	13,4	13,0	12,9	11,7	9,4	8,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	1,1	0,5	0,5	1,4	0,1	0,3	-0,4	1,1	0,6	0,4	-0,2	-0,8	-0,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	1,4	1,9	2,3	4,0	0,7	-0,5	-0,3	2,3	1,5	0,7	-1,4	-1,2	0,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	1,3	1,4	1,7	3,1	0,5	-0,2	-0,3	1,9	1,2	0,6	-1,0	-1,0	0,0

*Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Publication Directors:

MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; [yusuf.murangwa@statistics.gov.rw](mailto:yusuf.murangwa@statistics.gov.rw),

MURENZI Ivan, Deputy Director General; [ivan.murenzi@statistics.gov.rw](mailto:ivan.murenzi@statistics.gov.rw),

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR;

[sebastien.manzi@statistics.gov.rw](mailto:sebastien.manzi@statistics.gov.rw),

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;

[lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw](mailto:lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw)